

**Ibirimo/Summary/Sommaire** **page/urup.**

**A. Amateka ya Ba Minisitiri / Ministerial Orders / Arrêtés Ministériels**

**N° 007/16/10/TC ryo ku wa 28/10/2016**

Iteka rya Minisitiri ryerekeye ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara.....3

**N° 007/16/10/TC of 28/10/2016**

Ministerial Order relating to maternity leave benefits scheme.....3

**N° 007/16/10/TC du 28/10/2016**

Arrêté Ministériel relatif au régime des prestations de congé de maternité.....3

**N° 001/07.01 ryo ku wa 23/10/2016**

Iteka rya Minisitiri rigena umubare, amoko, imiterere n'imikoreshereze by'ibitabo by'irangamimerere.....27

**N° 001/07.01 of 23/10/2016**

Ministerial Order determining the number, types, formats and use of civil status registers.....27

**N° 001/07.01 du 23/10/2016**

Arrêté Ministériel déterminant le nombre, les types, les formats et l'utilisation des registres de l'état civil.....27

**B. Gutangaza Umudepite wa EALA/ Publication of EALA Member/ Publication d'un Député d'EALA**

Gutangaza itorwa ry'Umudepite w'u Rwanda mu Nteko Ishinga Amategeko y'Umuryango wa Afurika y'Iburasirazuba (EALA).....64

Publication of a Rwanda Member of East African Legislative Assembly (EALA).....64

Publication d'un Député du Rwanda à l'Assemblée Législative Est-Africaine (EALA).....64

**C. Guhindura amazina / Change of names / Changement de noms**

IRAKOZE Jean Baptiste.....65

NGWIJABANZI Eugène .....69

BAZIRUTWABO Illiminée Raissa.....73

**- Ingingo z'ingenzi z'urwandiko rusaba guhindura amazina :**

FURAHA Desange .....77

UWAMALIYA Béatrice .....77

BIHOYIKI Charlotte .....78

**D. Umuryango / Organization / Organisation**

SABYINYO COMMUNITY LIVELIHOOD ASSOCIATION «SACOLA».....79

**E. Amakoperative / Cooperatives / Coopératives**

- CRPR.....	90
- BERWA MUKERARUGENDO .....	91
- KOTEMIKA.....	92
- KKUN.....	93
- KODUMUIMU.....	94
- SOCOFARU.....	95
- TWITEZIMBERE BUSHEKERI .....	96

ITEKA RYA MINISITIRI  
N°007/16/10/TC RYO KU WA 28/10/2016  
RYEREKEYE IBIGENERWA  
UMUGORE URI MU KIRUHUKO CYO  
KUBYARA

MINISTERIAL ORDER N° 007/16/10/TC  
OF 28/10/2016 RELATING TO  
MATERNITY LEAVE BENEFITS  
SCHEME

ARRETE MINISTERIEL N°007/16/10/TC  
DU 28/10/2016 RELATIF AU REGIME  
DES PRESTATIONS DE CONGE DE  
MATERNITE

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

UMUTWE WA MBERE: INGINGO  
RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL  
PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS  
GENERALES

Ingingo ya mbere: icyo iri teka rigamije

Article One: Purpose of this Order

Article premier: Objet du présent arrêté

Ingingo ya 2: Igisobanuro cy'Ubuyobozi  
bw'Ubwiteganyirize

Article 2: Definition of Social Security  
Administration

Article 2: Définition de l'Administration de  
la Sécurité Sociale

UMUTWE WA II: UBURYO BWO  
KWIYANDIKISHA MU BWISHINGIZI  
BW'IBIGENERWA UMUGORE URI  
MU KIRUHUKO CYO KUBYARA

CHAPTER II: MODALITIES FOR  
REGISTRATION UNDER MATERNITY  
LEAVE BENEFITS SCHEME

CHAPITRE II: MODALITES  
D'ENREGISTREMENT AU REGIME  
DES PRESTATIONS DE CONGE DE  
MATERNITE

Ingingo ya 3: Iyandikwa ry'umukoresha

Article 3: Employer's registration

Article 3: Enregistrement de l'employeur

Ingingo ya 4: Imenyekanisha ry'impinduka

Article 4: Communication of changes

Article 4: Notification de changements

Ingingo ya 5: Iyandikwa ry'abakozi

Article 5: Registration of employees

Article 5: Enregistrement des employés

UMUTWE WA III: IBIKUBIYE MU  
MUSHAHARA MBUMBE  
UBARIRWAHO UMUSANZU  
W'UBWISHINGIZI BW'IBIGENERWA  
UMUGORE URI MU KIRUHUKO CYO  
KUBYARA

CHAPTER III: COMPONENTS OF THE  
GROSS SALARY TO WHICH THE  
CONTRIBUTION IS SUBSCRIBED  
UNDER MATERNITY LEAVE  
BENEFITS SCHEME

CHAPITRE III: COMPOSANTS DU  
SALAIRE BRUT SUR LEQUEL LA  
COTISATION EST SOUSCRITE AU  
REGIME DES PRESTATIONS DE  
CONGE DE MATERNITE

<b><u>Ingingo ya 6:</u> Ibikubiye mu mushahara mbumbe ubarirwaho umusanzu</b>	<b><u>Article 6:</u> Components of the gross salary to which the contribution is subscribed</b>	<b><u>Article 6:</u> Composants du salaire brut sur lequel la cotisation est souscrite</b>
<b><u>Ingingo ya 7:</u> Ibigenerwa umukozi bitari amafaranga bitangwaho umusanzu</b>	<b><u>Article 7:</u> Benefits in kind subject to contribution</b>	<b><u>Article 7:</u> Avantages en nature soumis à la cotisation</b>
<b><u>Ingingo ya 8:</u> Igenwa ry'agaciro k'ibigenerwa umukozi bitari amafaranga</b>	<b><u>Article 8:</u> Determination of value for benefits in kind</b>	<b><u>Article 8:</u> Détermination de la valeur des avantages en nature</b>
<b><u>Ingingo 9:</u> Ibigenerwa umukozi bidakurwaho umusanzu</b>	<b><u>Article 9:</u> Allowances or indemnities not subject to contribution</b>	<b><u>Article 9:</u> Avantages ou indemnités non soumis à la cotisation</b>
<b><u>Ingingo ya 10:</u> Amafaranga ahabwa umukozi bamuriha ayo yatanze ku byo yemerewe ku kazi</b>	<b><u>Article 10:</u> Allowances with compensatory character</b>	<b><u>Article 10:</u> Indemnités à caractère compensatoire</b>
<b><u>UMUTWE WA IV:</u> UBURYO BWO KUMENYEKANISHA NO KWISHYURA UMUSANZU MU BWISHINGIZI BW'IBIGENERWA UMUGORE URI MU KIRUHUKO CYO KUBYARA</b>	<b><u>CHAPTER IV:</u> MODALITIES OF DECLARATION AND PAYMENT OF CONTRIBUTIONS UNDER MATERNITY LEAVE BENEFITS SCHEME</b>	<b><u>CHAPITRE IV:</u> MODALITES DE DECLARATION ET DE PAIEMENT DES COTISATIONS AU REGIME DES PRESTATIONS DE CONGE DE MATERNITE</b>
<b><u>Ingingo ya 11:</u> Imenyekanisha ry'imisanzu</b>	<b><u>Article 11:</u> Declaration of contributions</b>	<b><u>Article 11:</u> Déclaration des cotisations</b>
<b><u>Ingingo ya 12:</u> Kongera igihe ntarengwa cyo kumenyekanisha imisanzu</b>	<b><u>Article 12:</u> Extension of the deadline for declaration of contributions</b>	<b><u>Article 12:</u> Extension de la date limite de dépôt de déclaration des cotisations</b>
<b><u>Ingingo ya 13:</u> Iyishyurwa ry'imisanzu</b>	<b><u>Article 13:</u> Payment of contributions</b>	<b><u>Article 13:</u> Paiement des cotisations</b>
<b><u>UMUTWE WA V:</u> UBURYO BWO KWISHYUZA IBIRARANE BY'IMISANZU Y'UBWISHINGIZI BW'IBIGENERWA UMUGORE URI MU KIRUHUKO CYO KUBYARA</b>	<b><u>CHAPTER V:</u> MODALITIES OF RECOVERY OF CONTRIBUTIONS ARREARS UNDER MATERNITY LEAVE BENEFITS SCHEME</b>	<b><u>CHAPITRE V:</u> MODALITES DE RECOUVREMENT DES ARRIERES DES COTISATIONS AU REGIME DES PRESTATIONS DE CONGE DE MATERNITE</b>

<b><u>Ingingo ya 14:</u></b> Inyandiko imenyekanisha umusanzu ugomba kwishyurwa	<b><u>Article 14:</u></b> Notice of assesment to the debtor employer	<b><u>Article 14:</u></b> Avis des cotisations à l'employeur débiteur
<b><u>Ingingo ya 15:</u></b> Kwishyura mu byiciro	<b><u>Article 15:</u></b> Payment in installments	<b><u>Article 15:</u></b> Paiement échelonné
<b><u>Ingingo ya 16:</u></b> Inyandiko yihanangiriza	<b><u>Article 16:</u></b> Warning letter	<b><u>Article 16:</u></b> Mise en demeure
<b><u>Ingingo ya 17:</u></b> Uburenganzira bwo kujurira	<b><u>Article 17:</u></b> Right to appeal	<b><u>Article 17:</u></b> Droit de recours
<b><u>Ingingo ya 18:</u></b> Inyandiko y'igiteranyo cy'amafaranga yishyuzwa	<b><u>Article 18:</u></b> Statement of amount due	<b><u>Article 18:</u></b> Relevé des sommes dues
<b><u>Ingingo ya 19:</u></b> Ifatira ry'umutungo w'umukoresha	<b><u>Article 19:</u></b> Seizure of the employer's property	<b><u>Article 19:</u></b> Saisie du patrimoine de l'employeur
<b><u>Ingingo ya 20:</u></b> Undi muntu wishyuzwa	<b><u>Article 20:</u></b> Beholden third party	<b><u>Article 20:</u></b> Tierce partie redevable
<b><u>Ingingo ya 21:</u></b> Uwishyura amafaranga yakoreshejwe mu kwishyuzwa	<b><u>Article 21:</u></b> Burden of recovery costs	<b><u>Article 21:</u></b> Chargé des frais de recouvrement
<b><u>Ingingo ya 22:</u></b> Ukutitabwaho kw'ibihe ntarengwa	<b><u>Article 22:</u></b> Disregard of time limits	<b><u>Article 22:</u></b> Non-respect des délais
<b><u>UMUTWE WA VI:</u></b> UBURYO BWO KWISHYURWA IBIGENERWA UMUGORE URI MU KIRUHUKO CYO KUBYARA	<b><u>CHAPTER VI:</u></b> PROCEDURE FOR PAYMENT OF MATERNITY LEAVE BENEFITS	<b><u>CHAPITRE VI:</u></b> PROCEDURE DE PAIEMENT DES PRESTATIONS DE CONGE DE MATERNITE
<b><u>Ingingo ya 23:</u></b> Kwishyura amafaranga y'ikiruhuko cyo kubyara	<b><u>Ingingo ya 23:</u></b> Payment of maternity leave benefits	<b><u>Article 23:</u></b> Paiement des prestations de congé de maternité
<b><u>Ingingo ya 24:</u></b> Gusaba gusubizwa amafaranga y'ikiruhuko cyo kubyara yishyuwe	<b><u>Article 24:</u></b> Request for reimbursement for maternity leave benefits	<b><u>Article 24:</u></b> Demande de remboursement des prestations de congé de maternité

<b><u>Ingingo ya 25:</u></b> Ibyangombwa bisabwa usaba gusubizwa amafaranga y'ikiruhuko cyo kubyara	<b><u>Article 25:</u></b> Documents required for the request for reimbursement of maternity leave benefits	<b><u>Article 25:</u></b> Documents requis pour la demande de remboursement des prestations de congé de maternité
<b><u>Ingingo ya 26:</u></b> Kwinjiza amakuru akubiye muri porogaramu y'ikoranabuhanga	<b><u>Article 26:</u></b> Entry of data into the electronic system	<b><u>Article 26:</u></b> Saisie des données dans le système informatique
<b><u>Ingingo ya 27:</u></b> Kumenyesha umwanzuro	<b><u>Article 27:</u></b> Communication of the decision	<b><u>Article 27:</u></b> Notification de la décision
<b><u>Ingingo ya 28:</u></b> Kubara ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara	<b><u>Article 28:</u></b> Computation of maternity leave benefits	<b><u>Article 28:</u></b> Calcul des prestations de congé de maternité
<b><u>Ingingo ya 29:</u></b> Uburyo bukoreshwa mu gusubiza ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara	<b><u>Article 29:</u></b> Reimbursement method of maternity leave benefits	<b><u>Article 29:</u></b> Mode de remboursement des prestations de congé de maternité
<b><u>Ingingo ya 30:</u></b> Uburenganzira bwo gukora iperereza	<b><u>Article 30:</u></b> Right to investigate	<b><u>Article 30:</u></b> Droit à l'enquête
<b><u>UMUTWE WA VII: INGINGO ZISOZA</u></b>	<b><u>CHAPTER VII: FINAL PROVISIONS</u></b>	<b><u>CHAPITRE VII: DISPOSITIONS FINALES</u></b>
<b><u>Ingingo ya 31:</u></b> Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyijen'iri teka	<b><u>Article 31:</u></b> Repealing provision	<b><u>Article 31:</u></b> Disposition abrogatoire
<b><u>Ingingo ya 32:</u></b> Igihe iteka ritangira gukurikizwa	<b><u>Article 32:</u></b> Commencement	<b><u>Article 32:</u></b> Entrée en vigueur

**ITEKA RYA MINISITIRI  
N°007/16/10/TC RYO KU WA 28/10/2016  
RYEREKEYE IBIGENERWA  
UMUGORE URI MU KIRUHUKO CYO  
KUBYARA**

**Minisitiri w’Imari n’Igenamigambi;**

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y’u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 121, iya 122 n’iya 176;

Ashingiye ku Itegeko n° 003/2016 ryo ku wa 30/03/2016 rishyiraho rikanagena imitunganyirize y’ubwishingizi bw’ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 5, iya 6, iya 9, iya 10 n’iya 12;

Inama y’Abaminisitiri yateranye ku wa 12/10/2016 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

**ATEGETSE:**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO  
RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije**

Iri teka rigena:

**MINISTERIAL ORDER N° 007/16/10/TC  
OF 28/10/2016 RELATING TO  
MATERNITY LEAVE BENEFITS  
SCHEME**

**The Minister of Finance and Economic  
Planning;**

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 121, 122 and 176;

Pursuant to Law n° 003/2016 of 30/03/2016 establishing and governing maternity leave benefits scheme, especially in Articles 5, 6, 9, 10 and 12;

After consideration and approval by the Cabinet in its session of 12/10/2016;

**HEREBY ORDERS:**

**CHAPTER ONE: GENERAL  
PROVISIONS**

**Article One: Purpose of this Order**

This Order determines:

**ARRETE MINISTERIEL N°007/16/10/TC  
DU 28/10/2016 RELATIF AU REGIME  
DES PRESTATIONS DE CONGE DE  
MATERNITE**

**Le Ministre des Finances et de la  
Planification Economique;**

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 121, 122 et 176;

Vu la Loi n° 003/2016 du 30/03/2016 portant création et organisation du régime des prestations de congé de maternité, spécialement en ses articles 5, 6, 9, 10 et 12;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 12/10/2016;

**ARRETE:**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS  
GENERALES**

**Article premier: Objet du présent arrêté**

Le présent arrêté détermine:

*Official Gazette n° 44 of 31/10/2016*

- 1° uburyo bwo kwiandikisha mu buyobozi bw'Ubwiteganyirize;
- 2° ibikubiye mu mushahara mbumbe ubarirwaho umusanzu;
- 3° uburyo imenyekanisha n'iyishyurwa ry'umusanzu bikorwa;
- 4° uburyo ibihano byo kudatanga umusanzu ku gihe bitangwa;
- 5° uburyo bwo kwishyura ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara.

- 1° modalities for registration with the Social Security Administration;
- 2° components of the gross salary to which the contribution is subscribed;
- 3° modalities of declaration and payment of the contribution;
- 4° modalities for imposing penalties for non-remittance of a contribution on time;
- 5° procedures for payment of maternity leave benefits.

- 1° les modalités d'enregistrement auprès de l'Administration de la Sécurité sociale;
- 2° les composants du salaire brut sur lequel la cotisation est souscrite;
- 3° les modalités de déclaration et de paiement de cotisation;
- 4° les modalités d'application des pénalités pour non-paiement de la cotisation à temps;
- 5° les procédures de paiement des prestations de congé de maternité.

**Ingingo ya 2: Igisobanuro cy'Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize**

Muri iri teka, "Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize" bisobanura Ubuyobozi Bukuru bw'ikigo cya Leta gifite ubwishingizi bw'ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara mu nshingano zacyo.

**UMUTWE WA II: UBURYO BWO KWIYANDIKISHA MU BWISHINGIZI BW'IBIGENERWA UMUGORE URI MU KIRUHUKO CYO KUBYARA**

**Ingingo ya 3: Iyandikwa ry'umukoresha**

Umukoresha agomba kwiandikisha mu bwishingizi bw'ibigenerwa umugore uri mu

**Article 2: Definition of Social Security Administration**

For purposes of this Order, "Social Security Administration" means the General Directorate of the public institution in charge of maternity leave benefits scheme.

**CHAPTER II: MODALITIES FOR REGISTRATION UNDER MATERNITY LEAVE BENEFITS SCHEME**

**Article 3: Employer's registration**

Every employer is required to register in maternity leave benefits scheme by use of a

**Article 2: Définition de l'Administration de la Sécurité Sociale**

Aux fins du présent arrêté, "l'Administration de la Sécurité Sociale" signifie la Direction Générale de l'institution publique ayant le régime des prestations de congé de maternité dans ses attributions.

**CHAPITRE II: MODALITES D'ENREGISTREMENT AU REGIME DES PRESTATIONS DE CONGE DE MATERNITE**

**Article 3: Enregistrement de l'employeur**

Chaque employeur est tenu d'enregistrement au régime des prestations de congé de



*Official Gazette n° 44 of 31/10/2016*

kiruhuko cyo kubyara yifashishije ifishi yabugenewe mu gihe cy'iminsi irindwi (7) y'akazi ikurikira itariki umukoresha yahereyeho umukozi wa mbere akazi.

Ifishi isaba kwiyandikisha mu bwishingizi bw'ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara yuzuzwa nk'uko bisabwa, igashyirwaho itariki n'umukono w'umukoresha cyangwa umuhagarariye.

Ifishi isaba kwiyandikisha mu bwishingizi bw'ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara yohererezwa Ubuyobozi bw'Ubwiganyirize binyujijwe mu ishami ryabwo riri hafi cyangwa hakoreshejwe ikoranabuhanga.

Ku bw'iri teka, ikigo gifite amashami menshi, inzego, udushami, za biro, ububiko, amangazini, byaba bikorera ahantu hamwe cyangwa ahantu hatandukanye, bifatwa nk'umukoresha umwe.

Nyuma yo gusuzuma ubusabe bwo kwiyandikisha mu bwishingizi bw'ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara, Ubuyobozi bw'Ubwiganyirize bumenyeshya umukoresha numero bwamuhaye mu gihe cy'iminsi irindwi (7) y'akazi uhereye umunsi inyandiko isaba yakiriweho.

prescribed form, within seven (7) working days, following the date of employment of the first employee.

The application form for registration with the maternity leave benefits scheme is completed as required, dated and signed by the employer or his/her representative.

The application form for registration with the maternity leave benefits scheme is submitted to the Social Security Administration through its nearest branch or by electronic means.

For purposes of this Order, an institution which consists of several branches, departments, sections, sub-offices, depots, stores, whether situated in the same place or in different places, is considered as one employer.

After consideration of the application for registration with the maternity leave benefits scheme, the Social Security Administration issues and communicates to the employer its registration number within seven (7) working days from the date of reception of the application.

maternité, en utilisant un formulaire prescrit, dans les sept (7) jours ouvrables suivant la date de recrutement du premier employé.

La fiche de demande d'enregistrement au régime des prestations de congé de maternité est complétée comme exigée, datée et signée par l'employeur ou son représentant.

La fiche de demande d'enregistrement au régime des prestations de congé de maternité est soumise à l'Administration de la Sécurité Sociale à travers sa branche la plus proche ou par voie électronique.

Aux fins du présent arrêté, une institution composée de plusieurs branches, départements, sections, sous-bureaux, dépôts, magasins, qu'ils soient situés dans le même lieu ou dans des lieux différents, est considérée comme un seul employeur.

Après examen de la demande d'enregistrement au régime des prestations de congé de maternité, l'Administration de la Sécurité Sociale délivre et communique à l'employeur, son numéro d'enregistrement endéans sept (7) jours ouvrables à compter de la date de réception de la demande.

**Ingingo ya 4: Imenyekanisha ry'impinduka**

Buri mukoresha amenyesha mu nyandiko, impinduka iyo ari yo yose ya ngombwa yabaye ku kigo harimo aho abarizwa n'imiterere y'umurimo mu gihe cy'iminsi irindwi (7) y'akazi ikurikira itariki impinduka yabereyeho.

Umukoresha wese uhagaritse by'agateganyo cyangwa burundu ibikorwa bye agomba kubimenyesha mu nyandiko Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) uhereye igihe yahagarikiye cyangwa yarekeye gukora.

Nyuma yo gusuzuma inyandiko ivugwa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo, Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize buhagarika by'agateganyo cyangwa burundu inumero y'umukoresha.

**Ingingo ya 5: Iyandikwa ry'abakozi**

Iyo umukozi mushya adasanganywe inumero y'ubwiteganyirize, umukoresha agomba kumwandikisha, yuzuza inyandiko yabugenewe ashyikiriza Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize mu gihe cy'iminsi irindwi (7) ikurikira umunsi yamuhereyeho akazi.

Nyuma yo gusuzuma inyandiko yujujwe n'umukoresha ivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize

**Article 4: Communication of changes**

Each employer communicates in writing, any necessary change occurred in the institution, including contact address and the nature of activities within seven (7) working days following the date on which the change occurred.

Any employer who suspends or stops its operations must, communicate in writing, to the Social Security Administration within fifteen days (15) of suspension or cessation of operations.

After examining the communication referred to in Paragraph 2 of this Article, the Social Security Administration proceeds to the suspension or closure of the employer's registration number.

**Article 5: Registration of employees**

If a new employee does not have a registration number, the employer is required to register him/her by filling the appropriate form and submitting it to the Social Security Administration within seven (7) days of the employment of the employee.

After consideration of the application form referred to in Paragraph One of this Article, the Social Security Administration, through the

**Article 4: Notification de changements**

Chaque employeur notifie par écrit, tout changement nécessaire survenu à l'entreprise, notamment l'adresse de contacts et la nature d'activités, dans les sept (7) jours ouvrables suivant la date à laquelle le changement est survenu.

Tout employeur qui suspend ou cesse ses activités doit le notifier par écrit à l'Administration de la Sécurité Sociale dans les quinze (15) jours de la suspension ou la cessation des activités.

Après avoir examiné la notification visée à l'alinéa 2 du présent article, l'Administration de la Sécurité Sociale procède à la suspension ou radiation du numéro d'immatriculation de l'employeur.

**Article 5: Enregistrement des employés**

Lorsqu'un nouvel employé n'a pas de numéro d'affiliation, l'employeur est tenu de lui faire enregistrer en remplissant le formulaire prescrit à cet effet et le soumettre à l'Administration de la Sécurité Sociale dans sept (7) jours qui suivent la date du recrutement de cet employé.

Après examen du formulaire de demande rempli par l'employeur visé à l'alinéa premier du présent article, l'Administration de la

bubinyujije ku mukoresha, bumenyeshamo umukozi inomero ye mu gihe cy'iminsi irindwi (7) y'akazi ibarwa uherye umunsi inyandiko isaba yakiriweho.

Umukozi agomba kubika inomero ye y'ubwiteganyirize mu gihe cyose akiri mu kazi.

**UMUTWE WA III: IBIKUBIYE MU MUSHAHARA MBUMBE UBARIRWAHO UMUSANZU W'UBWISHINGIZI BW'IBIGENERWA UMUGORE URI MU KIRUHUKO CYO KUBYARA**

**Ingingo ya 6: Ibikubiye mu mushahara mbumbe ubarirwaho umusanzu**

Umusanzu ugenewe ubwishingizi bw'ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara ubarirwa ku mushahara mbumbe ugizwe n'umushahara shingiro, inyungu, ibihembo by'ibiruhuko byishyurwa, inyongera, ibihembo binyuranye n'izindi nyungu zose z'amafaranga ahwanye n'iby'umukozi abona bitari amafaranga.

**Ingingo ya 7: Ibigenerwa umukozi bitari amafaranga bitangwaho umusanzu**

Ibigenerwa umukozi bitari amafaranga ni ibintu cyangwa serivisi umukoresha agenera umukozi ku buntu cyangwa ku giciro

employer, issues and communicates to the employee his/her registration number within seven (7) working days from the date of receipt of the application.

The employee must keep his/her social security registration number throughout his/her career.

**CHAPTER III: COMPONENTS OF THE GROSS SALARY TO WHICH THE CONTRIBUTION IS SUBSCRIBED UNDER MATERNITY LEAVE BENEFITS SCHEME**

**Article 6: Components of the gross salary to which the contribution is subscribed**

The contribution due to maternity leave benefits scheme is based on the gross salary composed of basic salary, earnings, paid leave allowances, various allowances and bonuses, gratuities and other fringe benefits as well as the cash value of the benefits in kind.

**Article 7: Benefits in kind subject to contribution**

Benefits in kind are goods or services that are provided by the employer to the employee free of charge or on favorable terms for personal use. Such benefits include the following:

Sécurité Sociale, à travers l'employeur, délivre et communique à l'employé son numéro d'affiliation endéans sept (7) jours ouvrables à compter de la date de réception de la demande.

L'employé doit garder son numéro d'affiliation tout le long de sa carrière.

**CHAPITRE III: COMPOSANTS DU SALAIRE BRUT SUR LEQUEL LA COTISATION EST SOUSCRITE AU REGIME DES PRESTATIONS DE CONGE DE MATERNITE**

**Article 6: Composants du salaire brut sur lequel la cotisation est souscrite**

La cotisation due au régime des prestations de congé de maternité est basée sur le salaire brut composé du salaire de base, des gains, des indemnités de congés payés, des différentes indemnités, des primes et gratifications, des avantages en argent ainsi que de la contre-valeur des avantages en nature.

**Article 7: Avantages en nature soumis à la cotisation**

Les avantages en nature soumis à la cotisation sont des biens ou des services fournis par l'employeur à l'employé gratuitement ou aux

gihendutse ngo abikoreshe ubwe. Muri ibyo umukozi agenerwa harimo ibi bikurikira:

- 1° icumbi;
- 2° ibikoresho by'itumanaho bigendanwa;
- 3° kwishyurirwa siporo n'imyidagaduro;
- 4° kwishyurirwa ibiruhuko;
- 5° kwishyurirwa ifunguro;
- 6° imigabane mu bigo by'ubucuruzi;
- 7° imyambaro y'akazi;
- 8° ibindi byose byagenerwa umukozi byafatwa muri urwo rwego.

**Ingingo ya 8: Igenwa ry'agaciro k'ibigenerwa umukozi bitari amafaranga**

Agaciro k'ikintu cyangwa serivisi bihawe umukozi nk'inyungu kangana n'amafaranga byaguzwe.

Mu gihe agaciro k'ibyanguzwe kavugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo kadashobora kumenyekana, agaciro kagenwa hashingiwe kuri politiki ya Guverinoma y'imishahara ku birebana n'abakozi ba Leta.

- 1° accommodation facilitation;
- 2° mobile tools of communication;
- 3° sports and recreational facilitation;
- 4° leave or vacation facilitation;
- 5° meals;
- 6° company shares;
- 7° work uniforms;
- 8° any other allowance that may be considered as such.

**Article 8: Determination of value for benefits in kind**

The value of a good or service given to an employee as a benefit is equivalent to its acquisition value.

In case the acquisition value referred to in Paragraph One of this Article is not determined, the value of the benefit is determined based on the Government policy establishing the value of components of remuneration for public servants.

conditions favorables pour un usage personnel. Ces avantages sont notamment les suivants:

- 1° le logement;
- 2° les appareils portables de communication;
- 3° la prise en charge de sport et loisirs;
- 4° la prise en charge du congé ou vacances;
- 5° la restauration;
- 6° les actions en société;
- 7° les uniformes de service;
- 8° tout autre avantage qui peut être considéré comme tel.

**Article 8: Détermination de la valeur des avantages en nature**

La valeur d'un bien ou du service donné à un employé comme un avantage équivaut à sa valeur d'acquisition.

Dans le cas où la valeur d'acquisition visée à l'alinéa premier du présent article ne peut pas être déterminée, la valeur de l'avantage est fixée sur base de la politique salariale du Gouvernement en ce qui concerne les agents de l'Etat.

*Official Gazette n° 44 of 31/10/2016*

Imisanzu ku bigenerwa umukozi bitari amafaranga ikatwa mu kwezi byatanzwemo. Contributions on benefits in kind are levied for the month the service or good are provided. Les cotisations sur les avantages en nature sont déduites pour le mois d'acquisition du bien ou du service fourni.

**Ingingo 9: Ibigenerwa umukozi bidakurwaho umusanzu**

**Article 9: Allowances or indemnities not subject to contribution**

**Article 9: Avantages ou indemnités non soumis à la cotisation**

Ibigenerwa umukozi bikurikira ntibikatwaho umusanzu:

The following allowances or indemnities are not subject to contribution:

Les avantages ou indemnités suivants ne sont pas soumis à la cotisation:

1° imperekeza z'irangira ry'akazi;

1° termination benefits;

1° les indemnités de départ;

2° impamba y'izabukuru;

2° retirement benefits;

2° les indemnités de mise à la retraite;

3° imperekeza zishingiye ku isezererwa;

3° dismissal compensation;

3° les indemnités de licenciement;

4° andi mafaranga ahabwa umukozi bamuriha ayo yatanze ku byo yemerewe ku kazi.

4° any other allowances that have a compensatory character.

4° les autres indemnités à caractère compensatoire.

**Ingingo ya 10: Amafaranga ahabwa umukozi bamuriha ayo yatanze ku byo yemerewe ku kazi**

**Article 10: Allowances with compensatory character**

**Article 10: Indemnités à caractère compensatoire**

Amafaranga atangwa ku mukozi bamuriha ayo yatanze ku byo yemerewe ku kazi arimo aya akurikira:

The allowances that have a compensatory character include the following:

Les indemnités à caractère compensatoire sont notamment:

1° amafaranga y'urugendo;

1° transport allowances;

1° les indemnités de transport;

2° amafaranga y'ubutumwa bw'akazi;

2° mission fees;

2° les frais de mission;

3° amafaranga yishyuwe ku mpamvu z'itumanaho;

3° communication fees;

3° les frais de communication;

4° amafaranga yo gufasha umuryango w'umukozi;	4° family allowances;	4° les allocations familiales;
5° amafaranga yishyuwe mu kwivuza;	5° medical expenses;	5° les frais médicaux dépensés;
6° amafaranga atangwa ku mpamvu z'aho umukozi akorera hahenze;	6° cost of living allowances;	6° les indemnités de vie chère;
7° amafaranga yo kwakira abashyitsi;	7° entertainment allowances;	7° les frais de représentation;
8° amafaranga y'ubuzima n'umutekano mu kazi;	8° safety and sanitation allowances;	8° les indemnités de santé et sécurité;
9° amafaranga y'ibikoresho;	9° tools allowances;	9° les primes d'outillage;
10° andi mafaranga yose ashobora gufatwa muri urwo rwego.	10° any other allowance that may be considered as such.	10° toute autre indemnité qui peut être considérée comme telle.

**UMUTWE WA IV: UBURYO BWO KUMENYEKANISHA NO KWISHYURA UMUSANZU MU BWISHINGIZI BW'IBIGENERWA UMUGORE URI MU KIRUHUKO CYO KUBYARA**

**CHAPTER IV: MODALITIES OF DECLARATION AND PAYMENT OF CONTRIBUTIONS UNDER MATERNITY LEAVE BENEFITS SCHEME**

**CHAPITRE IV: MODALITES DE DECLARATION ET DE PAIEMENT DES COTISATIONS AU REGIME DES PRESTATIONS DE CONGE DE MATERNITE**

**Ingingo ya 11: Imenyekanisha ry'imisanzu**

**Article 11: Declaration of contributions**

**Article 11: Déclaration des cotisations**

Imenyekanisha ry'imisanzu rikorwa mu buryo bw'ikoranabuhanga ku rubuga rw'ikigo cya Leta gishinzwe ubwishingizi bw'ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara kandi rigomba kugaragaza ibi bikurikira:

Declaration of contributions is done electronically on the website of the public institution in charge of maternity leave benefits scheme and must contain the following information:

La déclaration des cotisations est faite par voie électronique sur le site web de l'institution publique ayant le régime des prestations de congé de maternité dans ses attributions et doit contenir les informations suivantes:

1° inomeru y'umukoresha mu bwiteganyirize;

1° employer's registration number;

1° le numéro d'enregistrement de l'employeur;

*Official Gazette n° 44 of 31/10/2016*

2° izina n'aderesi by'umukoresha;	2° name and address of the employer;	2° la raison sociale et l'adresse de l'employeur;
3° imirimo akora;	3° sector of activities;	3° le domaine d'activités;
4° ukwezi kumenyekanishijwe;	4° month declared;	4° le mois déclaré;
5° numero ya buri mukozi mu bwiteganyirize;	5° registration number of each employee;	5° le numéro d'enregistrement de chaque employé;
6° umushahara utanzweho umusanzu;	6° salary subject to contributions;	6° le salaire soumis aux cotisations;
7° itariki imenyekanisha ritangiweho.	7° date of deposit of the declaration.	7° la date de dépôt de la déclaration.

Imenyekanisha iryo ari ryo ryose ryanditse nabi cyangwa ridasomeka ntirisuzumwa, risubizwa umukoresha kugira ngo rikosorwe.

Any declaration badly worded or unreadable is not considered and is returned to the employer for correction.

Toute déclaration mal libellée ou illisible n'est pas considérée et est retournée à l'employeur pour correction.

Gusubiza umukoresha imenyekanisha ntibigira ingaruka ku gihe cyagenwe n'itegeko cyo kumenyekanisha no kwishyura imisanzu kimwe no ku bihano by'ubukererwe.

Sending back the declaration to the employer does not affect the prescribed legal period for declaration and payment of contributions and the application of penalties for late payment.

Le renvoi de la déclaration à l'employeur n'a pas d'incidence sur le délai légal prescrit pour la déclaration et le paiement des contributions et l'application de pénalités de retard.

**Ingingo ya 12: Kongera igihe ntarengwa cyo kumenyekanisha imisanzu**

**Article 12: Extension of the deadline for declaration of contributions**

**Article 12: Extension de la date limite de dépôt de déclaration des cotisations**

Iyo umukoresha agaragaje impamvu zifite ishingiro zatumye adashobora gukora imenyekanisha ry'umusanzu ku gihe cyagenwe, ashobora gusaba mu nyandiko Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize, iyongerwa ry'igihe ntarengwa cyo kumenyekanisha imisanzu mu minsi cumi n'itanu (15) mbere y'uko igihe ntarengwa cyo kumenyekanisha imisanzu kirangira.

If the employer presents valid reasons justifying his/her inability to make declaration of contributions on prescribed time, he/she may apply in writing to the Social Security Administration for an extension of the deadline at least fifteen (15) days before the deadline for contributions declaration.

Si l'employeur présente des raisons valables justifiant son impossibilité à faire la déclaration des cotisations dans les délais impartis, il peut demander par écrit à l'Administration de la Sécurité Sociale, l'extension de la date limite de dépôt de déclaration des cotisations au moins quinze (15) jours avant l'expiration de la date limite de déclaration des cotisations.

*Official Gazette n° 44 of 31/10/2016*

Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize bushobora kongerera umukoresha igihe cyo kumenyekanisha imisanzu.

The Social Security Administration may grant to the employer the extension period for declaration of contributions.

L'Administration de la Sécurité Sociale peut accorder à l'employeur la période d'extension de déclaration des cotisations.

Icyakora, inyongera y'igihe ntacyo ihindura ku ibarwa ry'ibihano by'ubukererwe.

However, the extension does not affect accrual of penalties of arrears.

Toutefois, cette extension n'affecte pas l'accumulation des pénalités de retard.

Igihe cy'inyongera ntigishobora kurenza iminsi mirongo itatu (30).

The period of extension cannot exceed thirty (30) days.

La période d'extension ne peut pas dépasser trente (30) jours.

**Ingingo ya 13: Iyishyurwa ry'imisanzu**

**Article 13: Payment of contributions**

**Article 13: Paiement des cotisations**

Iyishyurwa ry'imisanzu mu bwishingizi bw'ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara riherekeweza n'urutonde rw'abakozi rugaragaza umushahara buri mukozi yahembwe mu kwezi kubanziriza igihe rikorewe.

Payment of contributions under the maternity leave benefits scheme is accompanied by a list of employees indicating the salary paid to each employee in the preceding month.

Le paiement des cotisations sous le régime des prestations de congé de maternité est accompagné par une liste des employés indiquant, le salaire versé à chaque employé au cours du mois précédent.

Imenyekanisha ryemerwa gusa ku itariki imisanzu yose igomba kwishyurwa yishyuriweho.

The declaration is accepted only on the date on which all the required contributions are paid.

La déclaration est acceptée uniquement sur la date à laquelle les cotisations requises sont payées.

**UMUTWE WA V: UBURYO BWO KWISHYUZA IBIRARANE BY'IMISANZU Y'UBWISHINGIZI BW'IBIGENERWA UMUGORE URI MU KIRUHUKO CYO KUBYARA**

**CHAPTER V: MODALITIES OF RECOVERY OF CONTRIBUTIONS ARREARS UNDER MATERNITY LEAVE BENEFITS SCHEME**

**CHAPITRE V: MODALITES DE RECOUVREMENT DES ARRIERES DES COTISATIONS AU REGIME DES PRESTATIONS DE CONGE DE MATERNITE**

**Ingingo ya 14: Inyandiko imenyekanisha umusanzu ugomba kwishyurwa**

**Article 14: Notice of assesment to the debtor employer**

**Article 14: Avis des cotisations à l'employeur débiteur**

Mu gihe hari imisanzu itishyuwe, Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize bwoherereza umukoresha inyandiko imenyekanisha umusanzu.

In case of unpaid contributions, the Social Security Administration submits a notice of assesment to the debtor employer.

En cas de non-paiement des cotisations, l'Administration de la Sécurité Sociale soumet un avis des cotisations à l'employeur débiteur.



*Official Gazette n° 44 of 31/10/2016*

Inyandiko imenyekanisha umusanzu ugomba kwishyurwa igaragaza ibi bikurikira:

- 1° igiteranyo cy'imisanzu itarishyuwe hashingiwe ku bihembwe bijyanye na yo;
- 2° ibihano by'ubukererwe mu kwishyura imisanzu;
- 3° ibihano by'ubukererwe biturutse ku kutamenyekanisha imisanzu.

Inyandiko imenyekanisha umusanzu isaba iyishyurwa ry'amafaranga yose mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30) uherye igihe yakiriwe.

Iyo umukoresha atemeye ibikubiye muri iyi nyandiko, ashidikiriza Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize mu gihe cyavuzwe mu gika cya 3 cy'iyi ngingo, inyandiko zigaragaza uburyo abibona hifashishijwe ibimenyetso.

Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize bumenyeshya icyemezo bwafashe ku nyandiko igaragaza uburyo umukoresha abibona mu minsi mirongo itatu (30) ibarwa uherye igihe bwakiriye iyo nyandiko. Iyo nta gisubizo gitanzwe muri icyo gihe, ubusabwa bw'umukoresha bufatwa nk'aho butemewe.

The notice of assessment indicates the following:

- 1° a total of contributions not paid for basing on related periods;
- 2° penalties for delay of payment of contributions;
- 3° penalties for delay of declaration of contributions.

The notice of assessment requests for payment of the total amount due within a period of thirty (30) days counted from the date of receipt of the notice.

If the employer does not agree with the content of the notice of assesment, he/she submits to the Social Security Administration his/her written observations with supporting evidences within the time limit specified in Paragraph 3 of this Article.

The Social Security Administration notifies the employer of its decision on the observations within a period of thirty (30) days counted from the date of receipt of the submission. If no response is given to the employer within that period, the request is considered as rejected.

L'avis des cotisations indique ce qui suit:

- 1° la somme totale des cotisations non payées sur base des périodes y relatives;
- 2° les pénalités de retard dues pour non versement des cotisations;
- 3° pénalités de retard de déclaration des cotisations.

L'avis des cotisations invite l'employeur à s'acquitter de la totalité du montant dû dans un délai de trente (30) jours à compter de la date de la réception de l'avis.

Si l'employeur conteste le contenu de l'avis des cotisations, il soumet à l'Administration de la Sécurité Sociale dans le délai prévu à l'alinéa 3 du présent article, ses observations écrites avec preuves à l'appui.

L'Administration de la Sécurité Sociale communique sa décision sur les observations de l'employeur dans un délai de trente (30) jours à compter de la date de leur réception. Si aucune réponse n'est donnée à l'employeur dans ce délai, la requête est considérée comme rejetée.

**Ingingo ya 15: Kwishyura mu byiciro**

Iyo agaragaje impamvu zifatika, umukoresha ashobora gusaba Ubuyobozi bw'Ubwiganyirize kwishyura umwenda mu byiciro, mu gihe cy'iminsi mironko itatu (30) uhereye igihe yaboneye inyandiko imenyekanisha cyangwa igisubizo cy'Ubuyobozi bw'Ubwiganyirize byavuzwe mu ngingo ya 14 y'iri teka.

Umuyobozi Mukuru w'Ubuyobozi bw'Ubwiganyirize ashiraho amabwiriza n'uburyo bikurikizwa mu kwishyura mu byiciro.

**Ingingo ya 16: Inyandiko yihanangiriza**

Iyo imisanzu itishyuye mu gihe giteganywa mu ngingo ya 14 y'iri teka cyangwa nk'uko byemeranyijwe mu kwishyura mu byiciro, Ubuyobozi bw'Ubwiganyirize bwoherereza umukoresha inyandiko yihanangiriza igaragaza umwenda ugezweho, imusaba kwishyura mu minsi cumi n'itanu (15) uhereye igihe aboneye inyandiko yihanangiriza imumenyeshya n'ingaruka zo mu rwego rw'amategeko mu gihe yaba atishyuye.

**Ingingo ya 17: Uburenganzira bwo kujurira**

Mbere y'uko umukoresha aregera urukiko ku byemezo by'Ubuyobozi bw'Ubwiganyirize, ashirikiza ikibazo cye Inama y'Ubuyobozi y'ikigo cya Leta gishinzwe ubwishingizi

**Article 15: Payment in installments**

If he/she presents justifiable reasons, the employer may apply to the Social Security Administration for payment of amounts due in installments within thirty (30) days counted from the date of receipt of notice of assessment or response from Social Security Administration mentioned in Article 14 of this Order.

The Director General of the Social Security Administration sets rules and conditions of payment in installment.

**Article 16: Warning letter**

In case contributions are not paid within the time limit specified in Article 14 of this Order or as agreed upon in case of payment in installments, the Social Security Administration sends a warning letter to the employer, indicating updated amount to be paid within fifteen (15) days from the receipt of the warning letter informing him/her of legal consequences in case of default.

**Article 17: Right to appeal**

Before the employer files a case in the court against the decision of the Social Security Administration, he/she submits the matter to the Board of Directors of the public institution

**Article 15: Paiement échelonné**

S'il présente des motifs valables, l'employeur peut demander à l'Administration de la Sécurité Sociale un paiement échelonné des sommes dues dans un délai de trente (30) jours à compter de la date de la réception de l'avis des cotisations ou de la réponse de l'Administration de la Sécurité Sociale mentionnée à l'article 14 du présent arrêté.

Le Directeur Général de l'Administration de la Sécurité Sociale fixe les règles et conditions de paiement échelonné.

**Article 16: Mise en demeure**

Si les cotisations dues ne sont pas payées dans le délai prévu à l'article 14 du présent arrêté ou conformément aux périodes convenues en cas de paiement échelonné, l'Administration de la Sécurité Sociale envoie à l'employeur une mise en demeure indiquant le montant actualisé à payer, dans un délai de quinze (15) jours à compter de la réception de la mise en demeure lui informant les conséquences légales découlant du non-paiement.

**Article 17: Droit de recours**

Avant de saisir la justice contre la décision prise par l'Administration de la Sécurité Sociale, l'employeur soumet le cas au Conseil d'Administration de l'institution publique

bw'ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara mu minsi mirongo itatu (30) y'akazi ikurikira igihe yakiriye inyandiko yihanangiriza.

Inama y'Ubuyobozi bw'Ubuyobozi bw'Ubwiganyirize, imenyeshya umukoresha icyemezo yafashe ku bujurire yashyikirijwe mu minsi mirongo itatu (30) y'akazi uhereye igihe yakiriye ubwo bujurire. Iyo nta gisubizo umukoresha ahawe muri icyo gihe ubujurire bwe bufatwa nk'aho butemewe.

Ubujurire bw'umukoresha buhagarika iyishyuzwa kugeza ubwo Inama y'Ubuyobozi y'ikigo cya Leta gishinzwe ubwishingizi bw'ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara ibufasheho icyemezo, ariko ntibuhagarika kwiyongera kw'ibihano by'ubukererwe.

**Ingingo ya 18: Inyandiko y'igiteranyo cy'amafaranga yishyuzwa**

Iyo ukwihanangiriza ntacyo kugezeho mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) y'akazi, Umuyobozi Mukuru w'Ubuyobozi bw'Ubwiganyirize akora inyandiko y'igiteranyo cy'amafaranga yose agomba kwishyurwa.

in charge of maternity leave benefits scheme within thirty (30) working days following the date of receipt of the warning letter.

The Board of Directors of the public institution in charge of maternity leave benefits scheme notifies the employer of its decision within thirty (30) days following the date of receipt of the appeal. If the employer is not notified of any decision within that period, the appeal is considered as rejected.

The appeal of the employer interrupts the recovery procedure until the decision of the Board of Directors of the public institution in charge of maternity leave benefits scheme, but does not interrupt the accrual of penalties on arrears.

**Article 18: Statement of amount due**

In case the warning letter does not have any effect within fifteen (15) working days, the Director General of the Social Security Administration makes a statement of amount due.

ayant le régime des prestations de congé de maternité dans ses attributions endéans trente (30) jours ouvrables suivant la date de réception de la mise en demeure.

Le Conseil d'Administration de l'institution publique ayant le régime des prestations de congé de maternité dans ses attributions notifie sa décision à l'employeur dans un délai de trente (30) jours à compter de la date de réception du recours. Si aucune décision n'a été portée à la connaissance de l'employeur dans ce délai, le recours est considéré comme rejeté.

Le recours de l'employeur a pour effet d'interrompre la procédure de recouvrement jusqu'à la décision du Conseil d'Administration de l'institution publique ayant le régime des prestations de congé de maternité dans ses attributions, mais n'interrompt pas l'accumulation des pénalités de retard.

**Article 18: Relevé des sommes dues**

Dans le cas où la mise en demeure reste sans effet dans les quinze (15) jours ouvrables, le Directeur Général de l'Administration de la Sécurité Sociale fait un relevé des sommes dues à l'employeur.

Iyo nyandiko y'igiteranyo cy'amafaranga yose agomba kwishyurwa, ifatwa nk'urubanza rwaciwe kandi rugomba kurangizwa mu nzira zose zemewe n'amategeko nyuma y'iminsi cumi n'itanu (15) uherye igihe umukoresha ayiboneye.

Amafaranga yagaragajwe mu nyandiko y'igiteranyo cy'amafaranga yishyuzwa nta na rimwe yarenga amafaranga ari mu nyandiko yihanangiriza.

**Ingingo ya 19: Ifatira ry'umutungo w'umukoresha**

Iyo umukoresha adashyize mu bikorwa ibikubiye mu nyandiko y'igiteranyo cy'amafaranga, Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize bufatira imitungo yimukanwa cyangwa itimukanwa y'umukoresha, yaba iri mu maboko ye cyangwa mu maboko y'undi muntu, kugira ngo hishyurwe imisanzu n'ibihano bijyanye na yo.

Ifatira n'itezwa rya cyamunara by'imitungo yafatiriwe bikorwa hakurikijwe amategeko abigenga.

**Ingingo ya 20: Undi muntu wishyuzwa**

Umuntu wese ufite umutungo w'umukoresha wishyuzwa n'Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize ategetswe, abisabwe n'umuhesha w'inkiko, kuriha amafaranga arimo umukoresha cyangwa agaciro k'ibintu bye biri mu maboko

The statement of amount due is considered as enforceable judgement throughout all legal means after fifteen (15) days counted from the date the employer has received it.

The amount disclosed in the statement of amount due does not in any case exceed the amount indicated in the warning letter.

**Article 19: Seizure of the employer's property**

In case the employer does not pay the amount indicated in the statement of amount due, the Social Security Administration proceeds with seizure of any movable or immovable property of the employer, whether held by the latter or any third party, in order to recover the owed contributions and penalties thereon.

The seizure and public auction of the attached property is done in accordance with relevant laws.

**Article 20: Beholden third party**

Any third party who is in possession of property of the employer debtor of the Social Security Administration must, on demand by the bailiff, pay the due amount owed by the employer or the value of the property of the

Ce relevé des sommes dues est considéré comme un jugement ayant force exécutoire par tous les moyens légaux après quinze (15) jours à compter de sa réception par l'employeur.

Le montant porté sur le relevé des sommes dues ne doit en aucun cas être supérieur à celui indiqué dans la mise en demeure.

**Article 19: Saisie du patrimoine de l'employeur**

Si l'employeur ne s'acquitte pas du montant indiqué sur le relevé des sommes dues, l'Administration de la Sécurité Sociale procède à la saisie des biens meubles ou immeubles de l'employeur, qu'ils soient dans les mains de celui-ci ou d'une tierce personne, en vue de recouvrer les cotisations dues et les pénalités y relatives.

La saisie et la vente aux enchères des biens saisis sont effectuées conformément aux lois en la matière.

**Article 20: Tierce partie redevable**

Toute tierce personne en possession du patrimoine de l'employeur débiteur de l'Administration de la Sécurité Sociale doit, sur demande de l'huissier, payer le montant des sommes dues à l'employeur ou la valeur

ye, kugira ngo yishyure umwenda w'umukoresha mu Buyobozi bw'Ubwiteganyirize.

Urwandiko rwishyuzwa rutanzwe n'umuhesha w'inkiko ruba itegeko ku muntu wese ufite umutungo w'umukoresha wishyuzwa ku buryo atarwubahirije yakurikiranwa nk'aho ari we ubereyemo umwenda Ubuyobozi bw'Ubwiteganyirize.

Indi mpamvu atanga ngo ni uko indangamuntu ye yanditse ku mazina BIHOYIKI Charlotte mu gihe impamyabumenyi ye yanditse ku mazina BUSHONGORE Charlotte, ubu iyo mpamyabumenyi ikaba itagira icyo imumaaira kuko idahuye n'amazina ari mu ndangamuntu.

Akaba asaba kwemererwa binyuze mu nzira zikurikije amategeko, guhindura amazina ye **BIHOYIKI Charlotte** akayasimbuza **BUSHONGORE Charlotte** mu gitabo cy'irangamimerere kirimo inyandiko ye y'ivuka.

**SABYINYO COMMUNITY LIVELIHOOD  
ASSOCIATION «SACOLA»**

**AMATEGEKO SHINGIRO**

**UMUTWE WA MBERE**

**IZINA, INTEBE , IGIHE N'INTEGO**

**Ingingo ya mbere:**

Abashyize umukono kuri aya mategeko bashinze umuryango nyarwanda utari uwa Leta witwa **SABYINYO COMMUNITY LIVELIHOOD ASSOCIATION «SACOLA»** mu magambo ahinnye, ugengwa n'aya mategeko shingiro kimwe n'itegeko N° 04/2012 ryo kuwa 17/02/2012 rigena imitunganirize n'imikorere by'imiryango nyarwanda itari iya Leta.

**Ingingo ya 2:**

Icyicaro cy'umuryango gishyizwe mu Kagari ka Nyonirima, mu Murenge wa Kinigi, Akarere ka Musanze, Intara y'Amajyaruguru. Gishobora ariko kwimurirwa ahandi mu Rwanda byemejwe na 2/3 by'Inteko Rusange.

**Ingingo ya 3 :**

Umuryango ukorera imirimo yawo mu Mirenge ibiri ihana imbibe na Pariki y'ibirunga, ari yo umurenge wa Kinigi n'uwa Nyange, yo mu Karere ka Musanze, mu Ntara y'Amajyaruguru, ariko iyo fasi ishobora kongerwa kugeza ku butaka bwose

**SABYINYO COMMUNITY LIVELIHOOD  
ASSOCIATION «SACOLA»**

**STATUTES**

**CHAPTER FIRST**

**NAME, HEAD OFFICE, DURATION AND  
OBJECTIVES**

**Article One:**

The undersigned founder members here by establish a non-profit-making association called **SABYINYO COMMUNITY LIVELIHOOD ASSOCIATION, «SACOLA»**, in initials, governed by these statutes and subjected to the provisions of the law N° 04/2012 of Febuary 17, 2012 relating to the National non-governmental organizations.

**Article 2:**

The head office of the association is established in Nyonirima cell, Kinigi Sector, Musanze District, Northern Province. It can nevertheless be transferred to any other part of the country upon a decision of the 2/3 of its members meeting in the General Assembly.

**Article 3: Operating range**

The association will carry out its activities in two Sectors share the same limitations with the Volcanoes National Park, as Kinigi sector and Nyange, in Musanze District, in the Northern Province. This area can any time be extended on all

**SABYINYO COMMUNITY LIVELIHOOD  
ASSOCIATION «SACOLA»**

**STATUTS**

**CHAPITRE PREMIER**

**DENOMINATION, SIEGE, DUREE ET  
OBJET**

**Article premier :**

Il est constitué entre les soussignées, une association sans but lucratif dénommée **SABYINYO COMMUNITY LIVELIHOOD ASSOCIATION «SACOLA»**, en sigle, régie par les présents statuts et soumise aux dispositions de la loi N° 04/2012 du 17 Fevrier 2012 relative aux organisations Nationales Non-gouvernementales.

**Article 2 :**

Le siège de l'association est établi dans la cellule Nyonirima, Secteur Kinigi, District de Musanze, Province du Nord. Il peut néanmoins être transféré ailleurs au Rwanda sur décision de 2/3 de l'Assemblée Générale.

**Article 3 :**

L'association exerce ses activités dans les deux Secteurs partageant les memes limites avec le parc National des volcans, à savoir le secteur Kinigi et Nyange du District de Musanze, dans la Province du Nord. Toutefois, cette zone peut être étendue sur

bw'imirenge ikora kuri parike y'ibirunga muri Repubulika y'u Rwanda. Igihe uzamara ntikigenwe.

the whole nation territory upon a decision of the General Assembly. It is established for an unspecified period of time.

toute l'étendue du pays sur décision de l'Assemblée Générale. Elle est créée pour une durée indéterminée.

**Ingingo ya 4: Intego**

Umuryango ufite intego yo kubungabunga parike y'ibirunga no kuzamura imibereho myiza y'abaturage bayituriye.

**Article 4: Mission**

The organization's mission is to protect and conserve Volcanoes National Park and all the park resources

**Article 4 : Mission**

L'Organisation a pour mission de protéger le parc national des volcans et de lutter contre toute forme de destruction des ressources du Parc.

**Ingingo ya 5 : Ibikorwa**

1. Gutera inkunga amashyirahamwe n'amakoperative amwe n'amwe y'abaturage, mu rwego rwo kubakura mu bukene;
2. Gukangurira abatariye parike y'ibirunga kuyibungabunga no kurwanya ibikorwa ibyo ari byo byose byayangiza;
3. Guhugura no gukangurira abaturage batariye parike y'ibirunga kwakira neza ba mukerarugendo;
4. Kuzamura imibereho y'abaturage, tububakira amashuri, tubaha inka;
5. Kubaka urukuta rurinda Pariki y'ibirunga;
6. Kuzamura ubuzima bwiza bw'abaturage, tubafasha kubona amazi meza, amashanyarazikandi habungabungwa ibidukikije;
7. Kurihira abana baturuka mu miryango itishoboye.

**Article 5: Activities**

1. Finance some cooperatives and associations of the population in order to fight against poverty;
2. Sensitize the population of nearby volcanoes National park to protect and fight against all forms of destruct of the park's resources;
3. To develop neighbours volcanoes National park's sense of hospitality to tourists;
4. Promote the living conditions of the local population by building schools, providing cows;
5. Build a protective wall of volcanoes National park;
6. Change the lives of population by improving access to safe water, to electricity and ensures the environment is well protected;
7. Pay school fees for children from the poorest families.

**Article 5 : Activités**

1. Financer certaines coopératives et associations de la population dans le but de lutter contre la pauvreté ;
2. Sensibiliser la population voisine du parc national des volcans à protéger et `a lutter contre toute forme de destruction des ressources du parc ;
3. Engager les ateliers aux voisins du parc National des volcans afin de développer leur sens d'accueil aux touristes
4. Promouvoir les conditions de vie de la population riveraine en construisant les écoles, en donnant les vaches ;
5. Construire le mur protecteur du Parc National des volcans ;
6. Changer la vie de la population en améliorant l'accès `a l'eau, `a l'électricité et assurer que l'environnement est protégé ;
7. Payer les frais scolaires aux enfants issus des familles les plus pauvres.



**UMUTWE WA II : ABANYAMURYANGO**

**Ingingo ya 6 :**

Umuryango ugizwe n'abanyamuryango bawushinze, abanyamuryango bawinjiramo n'abanyamuryango b'icyubahiro. Abanyamuryango bawushinze ni abashyize umukono kuri aya mategeko shingiro.

Abanyamuryango bawinjiramo ni abantu babisaba bamaze kwiyezwa gukurikiza aya mategeko shingiro kandi bakemerwa n'Inteko Rusange.

Abanyamuryango bawushinze n'abawinjiramo ni abanyamuryango nyakuri. Bafite uburenganzira bumwe n'inshingano zimwe ku birebana n'umuryango.

Abanyamuryango b'icyubahiro ni abantu cyangwa imiryango bemerwa n'Inteko Rusange kubera ibyiza by'akarusho bakoreye umuryango. Abanyamuryango b'icyubahiro batangwa na Komite Nyobozi, bakemezwa n'Inteko Rusange. Bagishwa inama gusa ariko ntibatora.

**Ingingo ya 7:**

Abanyamuryango nyirizina biyemeza gukorera umuryango nta buhemu. Baza mu Nteko Rusange kandi bafite uburenganzira bwo gutora no gutorwa.

**CHAPTER II: MEMBERSHIP**

**Article 6: categories of members**

The association is composed of founder, new members joining and honorary members.

The founder members are signatories of these statutes. The new members joining are people who, request and after having subscribed to the present statutes, are approved by the General Assembly.

The new members and founder members are effective members of the association. They have the same rights and duties with respect to association activities. The honorary members are persons or entities to which the General assembly will have decreed this title in recognition of the special and appreciable services rendered to the association.

The honorary members are proposed by the Executive Committee and are approved by the General assembly. They play an advisory role but they are not allowed to vote.

**Article 7:**

The full members commit themselves to unconditionally have participation in activities of the organization. They attend the general assemblies with deliberative voice. They have the obligation to provide their contribution; the amount is fixed by the general Assembly.

**CHAPITRE II : DES MEMBRES**

**Article 6 :**

L'organisation se compose des membres fondateurs, des membres adhérents et des membres d'honneur.

Sont membres fondateurs les signataires des présents statuts. Sont membres adhérents des personnes physiques qui, sur demande et après avoir souscrit aux présents statuts, sont agréées par l'Assemblée Générale.

Les membres fondateurs et les membres adhérents sont les membres effectifs de l'association. Ils ont les mêmes droits et devoirs vis-à-vis de l'association.

Les membres d'honneur sont des personnes physiques ou morales auxquelles l'Assemblée Générale aura décerné ce titre en reconnaissance des services spéciaux et appréciables rendus à l'association.

Les membres d'honneur sont proposés par le Comité Exécutif et agréés par l'Assemblée Générale. Ils jouent un rôle consultatif mais ne prennent pas part aux votes.

**Article 7:**

Les membres effectifs prennent l'engagement de participer inconditionnellement aux activités de l'organisation. Ils assistent aux assemblées générales avec voix délibérative. Ils ont l'obligation de verser une cotisation dont le montant est fixé par l'Assemblée Générale.

**Ingingo ya 8:**

Inzandiko zisaba kwinjira mu muryango zandikirwa Perezida wa Komite Nyobozi, akazishyikiriza Inteko Rusange kugirango ifate umwanzuro.

**Ingingo ya 9:**

Umuntu areka kuba umunyamuryango wa SACOLA iyo apfuye, iyo aseze ku bushake, iyo yirukanywe cyangwa iyo umuryango usheshwe. Useze ku bushake yandikira Perezida wa Komite Nyobozi, bikemezwa n'Inteko Rusange. icyemezo cyo kwirukana umunyamuryango gifatwa n'Inteko Rusange ku bwiganze bwa 2/3 by'amajwi iyo atacyubahiriza aya mategeko shingiro n'amabwiriza ngengamikorere y'umuryango.

**UMUTWE WA III : UMUTUNGO**

**Ingingo ya 10 :**

Umuryango ushobora gutira cyangwa gutunga ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa ukeneye kugira ngo ugere ku ntego zawo.

**Ingingo ya 11 :**

Umutungo w'umuryango ugizwe n'umutungo utimukanwa, uwimukanwa, impano, imirage, inkunga zinyuranye n'umugaruro uva mu bikorwa by'umuryango.

**Article 8:**

The applications for membership are made in writing addressed to the President of the Executive Committee who subjects them to the approval of the General Assembly.

**Article 9:**

The membership is lost by the death, the voluntary resignation, the exclusion or the dissolution of organization. The voluntary resignation letter is addressed in writing to the President of the Executive Committee and subjected to the approval of General Assembly. The expulsion is announced by the General Assembly with majority of 2/3 of voices against a member who does not conform any more to the present statutes and rules of procedure of association.

**CHAPTER III: ASSETS**

**Article 10:**

The organization can possess movable and immovable assets that it deems essential to fulfil its mission.

**Article 11:**

The wealth of the organization is made up of the contribution of its members, the donations, legacies, different subsidies and the funds generated by activities of the Association.

**Article 8 :**

Les demandes d'adhésion sont adressées par écrit au Président du Comité Exécutif qui les soumet à l'approbation de l'Assemblée Générale.

**Article 9 :**

La qualité de membre se perd par le décès, le retrait volontaire, l'exclusion ou la dissolution de l'organisation. Le retrait volontaire est adressé par écrit au Président du Comité Exécutif et soumis à l'approbation de l'Assemblée Générale. L'exclusion est prononcée par l'Assemblée Générale à la majorité de 2/3 des voix contre un membre qui ne se conforme plus aux présents statuts et au règlement intérieur de l'association.

**CHAPITRE III : DU PATRIMOINE**

**Article 10 :**

L'association peut posséder, soit en jouissance, soit en propriété, les biens meubles et immeubles nécessaires à la réalisation de ses objectifs.

**Article 11 :**

Le patrimoine de l'association est constitué par les cotisations des membres, les dons, les legs, les subventions diverses et les revenus issus des activités de l'association.

**Ingingo ya 12 :**

Umuryango ugenera umutungo wawo ibikorwa byose byatuma ugera ku ntego zawo ku buryo buziguye cyangwa butaziguye. Nta munyamuryango ushobora kuwiyitirira cyangwa ngo agire umugabane asaba igihe asezeye ku bushake, iyo yirukanywe cyangwa iyo umuryango usheshwe.

**Ingingo ya 13 :**

Igihe umuryango usheshwe, hamaze gukorwa ibarura ry'ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa by'umuryango no kwishyura imyenda, umutungo usigaye uhabwa undi muryango bihuje ibikorwa.

**UMUTWE WA IV : INZEGO**

**Ingingo ya 14 :**

Inzego z'umuryango ni Inteko Rusange, Komite Nyobozi, Ubugenzuzi bw'imari n'Akanama nkemurampaka.

**Igice cya mbere : Ibyerekeye Inteko Rusange**

**Ingingo ya 15:**

Inteko Rusange nirwo rwego rw'ikirenga rw'umuryango. Inzego zose zihabwa ububasha nayo Igizwe n'abanyamuryango nyakuri bese.

**Ingingo ya 16:**

Inteko Rusange ihamagazwa kandi ikayoborwa na Perezida w'Inama y'ubuyobozi; yaba adahari cyangwa atabonetse, bigakorwa na Visi-Perezida.

**Article 12:**

The organization allocates its resources to any person or institution able to help it achieve its objectives. No member shall pretend, directly or indirectly to have individual right to assets of the association nor shall he withdrawal her/his share in case of voluntary resignation, dismissal or dissolution of the Association.

**Article 13:**

In case of the dissolution of the Association, and after the inventories of movable and immovable assets and the discharge of the debts, those assets remaining shall be given to another association having the same activities.

**CHAPTER IV: ORGANS**

**Article 14:**

The organs of the organization are the General Assembly, the Executive Committee, auditors and arbitration committee.

**Section I: General Assembly**

**Article 15:**

The General Assembly is the supreme organ of the association. It is made up of all the effective members of the organization.

**Article 16 :**

The General Assembly is convened and chaired by the President of the Executive Committee or in his absence, by the Vice-president.

**Article 12 :**

L'association affecte ses ressources à tout ce qui concourt directement ou indirectement à la réalisation de son objet. Aucun membre ne peut s'en arroger le droit de possession ni en exiger une part quelconque en cas de retrait volontaire, d'exclusion ou de dissolution de l'association.

**Article 13 :**

En cas de dissolution, après inventaire des biens meubles et immeubles de l'association et apurement du passif, l'actif du patrimoine sera cédé à une autre association poursuivant les activités similaires.

**CHAPITRE IV : DES ORGANES**

**Article 14:**

Les organes de l'association sont l'Assemblée Générale, le Comité Exécutif, le Commissariat aux comptes et le Comité d'arbitrage.

**Section première : De l'Assemblée Générale**

**Article 15 :**

L'Assemblée Générale est l'organe suprême de l'association. Elle est composée de tous les membres effectifs de l'organisation.

**Article 16 :**

L'Assemblée Générale est convoquée et présidée par le Président du Comité Exécutif ou le cas échéant, par le Vice-Président.

Iyo Perezida na Visi-Perezida badahari, batabonetse cyangwa banze, Inteko Rusange ihamagarwa mu nyandiko isinyweho na 1/3 cy'abanyamuryango nyakuri. icyo gihe, abagize Inteko Rusange bitoramo Perezida w'inama.

In case the two are not available, or refuse the General Assembly is convened in written form by 1/3 of the effective members. In that case, all members choose among themselves the chairman of the meeting.

En cas d'absence, d'empêchement ou de défaillance simultanés du Président et du Vice-président, l'Assemblée Générale est convoquée par écrit par 1/3 des membres effectifs. Pour la circonstance, l'Assemblée élit en son sein un Président.

**Ingingo ya 17 :**

Inteko Rusange iterana kabiri mu mwaka mu nama isanzwe. Inzandiko z'ubutumire zikubiyemo ibiri ku murongo w'ibyigwa zishyikirizwa abanyamuryango nibura mbere y'iminsi 30.

**Article 17 :**

The General Assembly shall convene twice a year in an ordinary session twice a year. The invitations containing the agenda are given to the members at least 30 days before the meeting.

**Article 17 :**

L'Assemblée Générale se réunit deux fois par an en session ordinaire. Les invitations contenant l'ordre du jour sont remises aux membres au moins 30 jours avant la réunion.

**Ingingo ya 18:**

Inteko Rusange iterana kandi igafata ibyemezo iyo 2/3 by'abanyamuryango nyakuri bahari. Iyo uwo mubare utagezweho, indi nama itumizwa mu minsi 15. icyo gihe, Inteko Rusange iraterana kandi igafata ibyemezo bifite agaciro uko umubare w'abahari waba ungana kose.

**Article 18 :**

The General Assembly shall meet and deliberate when 2/3 of effective members are present. If this quorum is not reached, a new convocation is launched within 15 days. In this term, the General assembly shall meet and deliberate validly whatever the number of participants.

**Article 18 :**

L'Assemblée Générale siège et délibère valablement lorsque les 2/3 de membres effectifs sont présents. Si ce quorum n'est pas atteint, une nouvelle convocation est lancée dans un délai de 15 jours. A cette échéance, l'Assemblée Générale siège et délibère valablement quel que soit le nombre de participants.

**Ingingo ya 19 :**

Inteko Rusange idasanzwe iterana buri gihe iyo bibaye ngombwa. Ihamagazwa kandi ikayoborwa mu buryo bumwe nk'ubw'Inteko Rusange isanzwe. Ihamagarwa mbere y'iminsi 15. Impaka zigibwa gusa ku kibazo cyateganyijwe mu butumire.

**Article 19 :**

The extraordinary General Assembly shall take place as many times as of need. The way it is convened and chaired in the same as those of the ordinary General Assembly. The invitations shall be sent 15 days in advance. The debates shall relate only to the agenda of the invitation.

**Article 19 :**

L'Assemblée Générale extraordinaire se tient autant de fois que de besoin. Les modalités de sa convocation et de sa présidence sont les mêmes que celles de l'Assemblée Générale ordinaire. Les délais de sa convocation sont fixés à 15 jours. Les débats ne peuvent porter que sur la question inscrite à l'ordre du jour de l'invitation uniquement.

**Ingingo ya 20:**

Uretse ibiteganywa ukundi n'itegeko ryerekeye imiryango idaharanira inyungu kimwe n'aya

**Article 20 :**

Except for the cases expressly envisaged by the law relating to the National non-governmental

**Article 20 :**

Sauf pour les cas expressément prévus par la loi relative aux Organisations Nationales non-

mategeko shingiro, ibyemezo by'Inteko Rusange bifatwa hakurikijwe ubwiganze busesuye bw'amajwi. Iyo amajwi angana, irya Perezida rigira uburemere bw'abiri.

**Ingingo ya 21:**

Inteko Rusange ifite ububasha bukurikira :

- Kwemeza no guhindura amategeko agenga umuryango n'amabwiriza mbonezamikorere yawo ;
- Gushyiraho no kuvanaho uhagarariye umuryango n'abamwungirije ;
- Kwemeza ibyo umuryango uzakora ;
- Kwemerera, guhagarika no kwirukana umunyamuryango ;
- Kwemeza buri mwaka imicungire y'imari ;
- Kwemera impano n'indagano ;
- Gusesa umuryango.

**Igice cya kabiri : Komite Nyobozi**

**Ingingo ya 22 :**

Inama y'ubuyobozi igizwe na :

- Perezida: Umuvugizi w'umuryango ;
- Visi-Perezida: Umuvugizi Wungirije ;
- Umunyamabanga w'Umubitsi.

**Ingingo ya 23:**

Abagize Inama y'ubuyobozi batorwa n'Inteko Rusange mu banyamuryango nyakuri. Manda yabo imara imyaka ibiri ishobora kongerwa.

organizations and by these statutes, the decisions of the General meeting are made on the absolute majority votes. In the event of parity of votes, the vote of the President is dominating.

**Article 21 :**

The attributions reserved for the General meeting are:

- adoption and modification of the statutes and the internal rules and regulations;
- appointment and revocation of the legal representative and the temporary legal representatives;
- determination of the activities of association;
- admission, suspension or expulsion of a member;
- approval of the annual accounts;
- acceptance of the gifts and legacy;
- Dissolution of association.

**Second Section: Executive Committee.**

**Article 22:**

The Executive Committee is made up of:

- the President: Legal representative;
- Vice-presidents: Temporary Legal Representative;
- the Secretary-Accountant.

**Article 23:**

The members of the Executive Committee are elected among the effective members by the General meeting for a two year renewable

gouvernementales et par les présents statuts, les décisions de l'Assemblée Générale sont prises à la majorité absolue des voix. En cas de parité de voix, celle du Président compte double.

**Article 21 :**

Les pouvoirs dévolus à l'Assemblée Générale sont:

- adoption et modification des statuts et du règlement d'ordre intérieur ;
- nomination et révocation du représentant légal et des représentants légaux suppléants ;
- détermination des activités de l'association ;
- admission, suspension ou exclusion d'un membre ;
- approbation des comptes annuels ;
- acceptation des dons et legs ;
- dissolution de l'association.

**Section deuxième : Du Comité Exécutif**

**Article 22 :**

Le Comité Exécutif est composé :

- du Président : Représentant Légal ;
- d'un Vice-président : Représentant Légal Suppléant;
- du Secrétaire Comptable.

**Article 23:**

Les membres du Comité Exécutif sont élus parmi les membres effectifs par l'Assemblée

Iyo umwe mu bagize Inama y'ubuyobozi yeguye ku bushake, avanywe ku mwanya we n'Inteko Rusange cyangwa yitabye Imana, umusimbuye arangiza manda ye.

mandate. In the event of voluntary or forced resignation by the General meeting or of death of a member of the Executive Committee, the elected successor completes the mandate of his predecessor.

Générale pour un mandat de deux ans renouvelable.

En cas de démission volontaire ou forcée prononcée par l'Assemblée Générale ou de décès d'un membre du Comité Exécutif au cours du mandat, le successeur élu achève le mandat de son prédécesseur.

**Ingingo ya 24:**

Komite Nyobozi iterana byanze bikunze rimwe mu gihembwe n'ikindi gihe cyose bibaye ngombwa. Ihamagarwa kandi ikayoborwa na Perezida, cyangwa Visi-Perezida iyo Perezida adahari. Iterana iyo hari 2/3 by'abayigize. Ibyemezo byayo bifatwa hakurikijwe ubwiganze busesuye iyo nta bwumvikane bubonetse. Iyo amajwi angana, irya Perezida rigira uburemere bw'abiri.

**Article 24:**

The Executive Committee meets each time of need, but obligatorily once a quarter, on convocation and under the direction of the President or failing this, of the Vice-president.

It meets when the 2/3 of the members are present. Its decisions are taken on the absolute majority of votes when there is no consensus. In the event of parity of voice, that of the President counts double.

**Article 24:**

Le Comité Exécutif se réunit autant de fois que de besoin, mais obligatoirement une fois par trimestre, sur convocation et sous la direction du Président ou à défaut, du Vice-Président.

Il siège lorsque les 2/3 des membres sont présents. Ses décisions se prennent à la majorité absolue des voix lorsqu'il n'y a pas de consensus. En cas de parité de voix, celle du Président compte double.

**Ingingo ya 25:**

Komite Nyobozi ishinzwe :

- Gushyira mu bikorwa ibyemezo by'Inteko Rusange;
- Kwita ku micungire ya buri muni y'umuryango;
- Gukora raporo y'ibyakozwe mu mwaka urangiye;
- Gutegura ingengo y'imari igomba gushyikirizwa Inteko Rusange;
- Gushyikiriza inteko rusange ingingo z'amategeko n'amabwiriza ngengamikorere zigomba guhindurwa ;
- Gutegura inama z'Inteko Rusange ;

**Article 25:**

The Executive Committee is in charged of:

- implementing decisions and recommendations of the General assembly;
- the daily management of the association;
- Drafting the annual report of the past exercise;
- Working out the budget estimates to submit to the General meeting;
- Preproposing to the general assembly th modifications on the statutes and the internal rules and regulations;
- preparing the sessions of the General meeting;

**Article 25:**

Le Comité Exécutif est chargé de :

- mettre en exécution les décisions et les recommandations de l'Assemblée Générale ;
- s'occuper de la gestion quotidienne de l'association;
- rédiger le rapport annuel d'activités de l'exercice écoulé ;
- élaborer les prévisions budgétaires à soumettre à l'Assemblée Générale ;
- proposer à l'assemblée générale les modifications aux statuts et au règlement intérieur;
- préparer les sessions de l'Assemblée Générale ;

- Kugirana imishyikirano n'indi miryango igamije ubutwererane no gushaka inkunga;
- Gushaka, gushyiraho no gusezerera abakozi bo mu nzego zose z'umuryango.
- Negotiating funds and cooperation agreements with partners;
- Recruiting, appointing and sacking members of the personnel in various services of the association.
- négocier les accords de coopération et de financement avec des partenaires ;
- recruter, nommer et révoquer le personnel de divers services de l'association.

**Igice cya gatatu: Ubugenzuzi bw'imari**

**Ingingo ya 26: Ubugenzuzi bw'imari**

Inteko Rusange ishyiraho binyuze mu matora buri mwaka abagenzuzi b'imari batatu bafite inshingano yo kugenzura buri gihe imicungire y'imari n'indi mitungo by'umuryango no kuyikorera raporo. Bafite uburenganzira bwo kureba mu bitabo n'inyandiko z'ibaruramari z'umuryango ariko batabijyanye hanze y'ububiko.

**Igice cya kane: Akanama nkemurampaka**

**Ingingo ya 27:**

Akanama nkemurampaka ni urwego rushyirwaho n'inteko rusange mu gihe cy'imyaka ibiri binyuze mu matora kugira ngo rucunge imyitwarire y'abanyamuryango no gukemura impaka no kutumvikana byavuka hagati yabo cyangwa hagati y'inzego.

**Ingingo ya 28:**

Inshingano z'akanama nkemurampaka ni izi:

- Gukurikirana no gufata imyanzuro ku myitwarire y'abanyamurango

**The third Section: Audit Office**

**Article 26:**

The General Assembly annually elects three Auditors having for mission of overseeing the management of finances and any other assets of the association and of providing periodic audit reports to the organ. They yet have access to all accounts and vouchers without moving them.

**The fourth section: Arbitration committee**

**Article 27:**

The arbitration committee is an organ established by the general assembly to carry out the task of monitoring and conduct of members and resolving conflict and disputes that many arise between them or between the organs of organization.

**Article 28:**

The functions of arbitration committee are:

- To monitor and make decisions regarding the conduct of members that violate the

**Section troisième : Du Commissariat aux comptes**

**Article 26 :**

L'Assemblée Générale nomme annuellement trois Commissaires aux comptes ayant pour mission de contrôler en tout temps la gestion des finances et autre patrimoine de l'association et lui en faire un rapport.

Ils ont l'accès, sans les déplacer, aux livres et aux écritures comptables de l'association.

**Section quatrieme : Comite d'arbitrage**

**Article 27 :**

Le comité d'arbitrage a été créé par l'Assemblée générale pour mener à bien la tâche de surveiller la conduite des membres et la résolution des conflits et des différends qui pourraient survenir entre eux ou entre les organes de l'organisation.

**Article 28:**

Les fonctions du comite d'arbitrage sont les suivantes:

- Assurer le suivi et prendre les décisions concernant la conduite des membres qui violent le

- |   |   |  |
|---|---|--|
| <p>batubahiriza amategeko shingiro n'andi mategeko y'umuryango;</p> <ul style="list-style-type: none"><li>- Gushyiraho uburyo butuma abantu bitwara neza ndetse n'ingamba zikumira imyitwarire mibi;</li><li>- Gukemura amakosa yakozwe n'abanyamuryango hagamijwe kubungabunga ubumwe mu muryango;</li><li>- Gukemura ubwumvikane buke hagati y'inzego n'abanyamuryango, hagati y'abanyamuryango ubwabo, kutumvikana bikemurwa n'akanama nkemurampaka mu bwumvikane bikajya mu nteko rusange hanyuma bikajya mu nkiko zibifitiye ububasha.</li></ul> | <p>statute of the organization or any other laws and regulations of the organization;</p> <ul style="list-style-type: none"><li>- To set up measures that encourage the members to avoid misconduct and measures to prevent misconduct;</li><li>- To resolve mistakes made by members, with the spirit of promotion unity in the organization;</li><li>- To resolve any conflict, between the organs and members of the organization and between members themselves, and the disagreement conflicts are resolved by amicable arbitration committee, at the general assembly, then after the competent courts.</li></ul> | <p>statuts de l'organisation ou autres lois et règlements de l'organisation ;</p> <ul style="list-style-type: none"><li>- Mettre en place des mesures qui encouragent les membres à éviter l'inconduite et des mesures visant à prévenir l'inconduite ;</li><li>- Pour résoudre les erreurs commises par les membres avec l'esprit de promouvoir l'unité dans l'organisation ;</li><li>- Pour résoudre un conflit, entre les organes et les membres de l'organisation et entre les membres eux-mêmes, et les conflits désaccords sont résolus par un comité d'arbitrage à l'amiable, à l'Assemblée générale, puis, après les tribunaux compétents.</li></ul> |
|---|---|--|

**Ingingo ya 29:**

Abagize akanama nkemurampaka batorwa n'inteko rusange kagizwe n'abantu batatu batorwa igihe ari ngombwa ariko buri gihe bagaterana mu mezi atandatu bahamagajwe kandi bakayoborwa na Perezida cyangwa se umwungirije. Batorwa byibuze icyo hari 2/3 by'abakagize.

Abatorerwa kujya mu kanama nkemurampaka bagomba kuba bazwiho kugira ukuri, ubwitonzi ndetse n'ubunyamugayo.

**Article 29:**

Members of arbitration committee are elected by General Assembly is composed of three individuals and meet each time of need but obligatory once a semester, on convocation and under the direction of the president or failing this, of the vice president. It meets when 2/3 of the members are presents.

Individuals elected into the arbitration committee must be known to possess honesty, prudence and integrity.

**Article 29:**

Les membres du comité d'arbitrage sont élus par l'Assemblée générale est composée de trois personnes et se réunit chaque fois que de besoin, mais obligatoirement une fois par semestre, sur convocation et sous la direction du président ou, à défaut du vice-président. Il se réunit lorsque 2/3 des membres sont présents.

Les personnes élues au comité d'arbitrage doivent être connues pour posséder l'honnêteté, la prudence et de l'intégrité.



**UMUTWE WA V: GUHINDURA AMATEGEKO N'ISESWA RY'UMURYANGO**

**CHAPTER V: MODIFICATION OF STATUTES AND DISSOLUTION OF ORGANIZATION**

**CHAPITRE V : MODIFICATION DES STATUTS ET DISSOLUTION DE L'ORGANISATION**

**Ingingo ya 30:**

Uburyo aya mategeko shingiro azubahirizwa kimwe n'ibindi bidateganyijwe nayo bizasobanurwa ku buryo burambuye mu mabwiriza ngengamikorere y'umuryango yemejwe n'Inteko Rusange ku bwiganze busesuye bw'amajwi.

**Ingingo ya 31:**

Aya mategeko yemejwe kandi ashyizweho umukono n'abanyamuryango nyakuri bari ku ilisiti iyometseho.

Bikorewe i Musanze, kuwa 25/01/2013

(sé)  
**NSENGIYUMVA Pierre Celestin**  
**Perezida**

(sé)  
**RWASIBO Pierre**  
**Visi Perezida**

**Article 30:**

The modalities of application of these statutes and all that is not stipulated in these ones will be largely explained by internal rules and regulations adopted by the General Assembly using the absolute majority of votes.

**Article 31:**

These statutes are approved and adopted by the full members of the association mentioned on the list herewith attached.

Done at Musanze, on 25/01/2013

(sé)  
**NSENGIYUMVA Pierre Celestin**  
**President**

(sé)  
**RWASIBO Pierre**  
**Vice- President**

**Article 30:**

Les modalités d'exécution des présents statuts et tout ce qui n'y est pas prévu seront déterminés dans un règlement d'ordre intérieur de l'association adopté par l'Assemblée Générale à la majorité absolue des voix.

**Article 31:**

Les présents statuts sont approuvés et adoptés par les membres effectifs de l'association dont la liste est en annexe.

Fait à Musanze, le 25/01/2013

(sé)  
**NSENGIYUMVA Pierre Celestin**  
**Président**

(sé)  
**RWASIBO Pierre**  
**Vice- Président**

**ICYEMEZO N°RCA/0411/2016 CYO KUWA 11/07/2016 GIHA UBUZIMAGATOZI  
«COOPERATIVE DES REPARATEURS DES PNEUS AU RWANDA » (CRPR)**

**Umuyobozi w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative;**

Ashingiye ku Itegeko n° 50/2007 ryo kuwa 18 Nzeri 2007 rigena ishyirwaho, imiterere n'imikorere y'Amakoperative mu Rwanda, nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 23, igika cya 3;

Ashingiye ku Itegeko n° 48/2013 ryo kuwa 28/06/2013 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza Imbere Amakoperative, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 3, igika cya 2;

Abisabwe na Perezida wa Koperative « **CRPR** » ifite icyicaro i Kimisagara, Umurenge wa Kimisagara, Akarere ka Nyarugenge, Umujyi wa Kigali;

**YEMEJE:**

**Ingingo ya mbere:**

Koperative « **CRPR** » ifite icyicaro i Kimisagara, Umurenge wa Kimisagara, Akarere ka Nyarugenge, Umujyi wa Kigali, ihawe ubuzimagatozi.

**Ingingo ya 2:**

Koperative « **CRPR** » igamije guteza imbere umwuga wo guhoma amapine y'ibinyabiziga no kuyacuruza. Ntiyemerewe gukora indi mirimo inyuranye n'iyo iherewe ubuzimagatozi keretse ibanje kubisaba ikanabihirwa uburenganzira.

**Ingingo ya 3:**

Icyemezo n° RCA/083/2010 cyo kuwa 18 Mutarama 2010 kivanyweho.

**Ingingo ya 3:**

Koperative « **CRPR** » itegetswe gutangaza iki Cyemezo mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) ikimara kugihabwa.

**Kigali, ku wa 11/07/2016**

(Sé)

**MUGABO Damien**

**Umuyobozi w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative**

**ICYEMEZO N°RCA/0281/2015 CYO KUWA 08/04/2015 GIHA UBUZIMAGATOZI KOPERATIVE « BERWA MUKERARUGENDO »**

**Umuyobozi w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative;**

Ashingiye ku Itegeko n° 50/2007 ryo kuwa 18 Nzeri 2007 rigena ishyirwaho, imiterere n'imikorere y'Amakoperative mu Rwanda, nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 23, igika cya 3;

Ashingiye ku Itegeko n° 48/2013 ryo kuwa 28/06/2013 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza Imbere Amakoperative, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 3, igika cya 2;

Abisabwe na Perezida wa Koperative « **BERWA MUKERARUGENDO** » ifite icyicaro i Nyabigoma, Umurenge wa Kinigi, Akarere ka Musanze, Intara y'Amajyaruguru;

**YEMEJE:**

**Ingingo ya mbere:**

Koperative « **BERWA MUKERARUGENDO** » ifite icyicaro i Nyabigoma, Umurenge wa Kinigi, Akarere ka Musanze, Intara y'Amajyaruguru, ihawe ubuzimagatozi.

**Ingingo ya 2:**

Koperative « **BERWA MUKERARUGENDO** » igamije gutanga serivisi zijyanye no gutwaza ba mukerarugendo imizigo no guteza imbere ubworozi bw'intama. Ntiyemerewe gukora indi mirimo inyuranye n'iyi iherewe ubuzimagatozi keretse ibanje kubisaba ikanabihirwa uburenganzira.

**Ingingo ya 3:**

Koperative « **BERWA MUKERARUGENDO** » itegegetswe gutangaza iki Cyemezo mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) ikimara kugihabwa.

**Kigali, kuwa 08/04/2015**

(Sé)

**MUGABO Damien**

**Umuyobozi w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative**

**ICYEMEZO N°RCA/0794/2015 CYO KUWA 30/12/2015 GIHA UBUZIMAGATOZI  
KOPERATIVE «TERIMBERE MUHINZI W'IBIRAYI-KABAZUNGU»  
(KOTEMIKA)**

**Umuyobozi w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative;**

Ashingiye ku Itegeko n° 50/2007 ryo kuwa 18 Nzeri 2007 rigena ishyirwaho, imiterere n'imikorere y'Amakoperative mu Rwanda, nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 23, igika cya 3;

Ashingiye ku Itegeko n° 48/2013 ryo kuwa 28/06/2013 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza Imbere Amakoperative, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 3, igika cya 2;

Abisabwe na Perezida wa Koperative « **KOTEMIKA** » ifite icyicaro i Kabazungu, Umurenge wa Musanze, Akarere ka Musanze, Intara y'Amajyaruguru;

**YEMEJE:**

**Ingingo ya mbere:**

Koperative « **KOTEMIKA** » ifite icyicaro i Kabazungu, Umurenge wa Musanze, Akarere ka Musanze, Intara y'Amajyaruguru, ihawe ubuzimagatozi.

**Ingingo ya 2:**

Koperative « **KOTEMIKA** » igamije guteza imbere ubuhinzi bw'ibirayi. Ntiyemerewe gukora indi mirimo inyuranye n'iyi iherewe ubuzimagatozi keretse ibanje kubisaba ikanabihirwa uburenganzira.

**Ingingo ya 3:**

Koperative « **KOTEMIKA** » itegegetswe gutangaza iki Cyemezo mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) ikimara kugihabwa.

**Kigali, kuwa 30/12/2015**

(Sé)

**MUGABO Damien**

**Umuyobozi w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative**

**ICYEMEZO N°RCA/0067/2016 CYO KUWA 26/01/2016 GIHA UBUZIMAGATOZI  
KOPERATIVE « KORA UKIRE NYANGE » (KKUN)**

**Umuyobozi w’Ikigo cy’Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative;**

Ashingiye ku Itegeko n° 50/2007 ryo kuwa 18 Nzeri 2007 rigena ishyirwaho, imiterere n’imikorere y’Amakoperative mu Rwanda, nk’uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 23, igika cya 3;

Ashingiye ku Itegeko n° 48/2013 ryo kuwa 28/06/2013 rishyiraho Ikigo cy’Igihugu gishinzwe guteza Imbere Amakoperative, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 3, igika cya 2;

Abisabwe na Perezida wa Koperative « **KKUN** » ifite icyicaro i Kabeza, Umurenge wa Nyange, Akarere ka Musanze, Intara y’Amajyaruguru;

**YEMEJE:**

**Ingingo ya mbere:**

Koperative « **KKUN** » ifite icyicaro i Kabeza, Umurenge wa Nyange, Akarere ka Musanze, Intara y’Amajyaruguru, ihawe ubuzimagatozi.

**Ingingo ya 2:**

Koperative « **KKUN** » igamije guteza imbere ubuhinzi bw’ibirayi. Ntiyemerewe gukora indi mirimo inyuranye n’iyo iherewe ubuzimagatozi keretse ibanje kubisaba ikanabihirwa uburenganzira.

**Ingingo ya 3:**

Koperative « **KKUN** » itegetswe gutangaza iki Cyemezo mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) ikimara kugihabwa.

**Kigali, kuwa 26/01/2016**

(Sé)

**MUGABO Damien**

**Umuyobozi w’Ikigo cy’Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative**

**ICYEMEZO N°RCA/0143/2016 CYO KUWA 15/02/2016 GIHA UBUZIMAGATOZI KOPERATIVE « DUKORERE HAMWE MUHINZI W'IBIRAYI MUHABURA» (KODUMUIMU)**

**Umuyobozi w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative;**

Ashingiye ku Itegeko n° 50/2007 ryo kuwa 18 Nzeri 2007 rigena ishyirwaho, imiterere n'imikorere y'Amakoperative mu Rwanda, nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 23, igika cya 3;

Ashingiye ku Itegeko n° 48/2013 ryo kuwa 28/06/2013 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza Imbere Amakoperative, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 3, igika cya 2;

Abisabwe na Perezida wa Koperative « **KODUMUIMU** » ifite icyicaro i Muhabura, Umurenge wa Nyange, Akarere ka Musanze, Intara y'Amajyaruguru;

**YEMEJE:**

**Ingingo ya mbere:**

Koperative « **KODUMUIMU** » ifite icyicaro i Muhabura, Umurenge wa Nyange, Akarere ka Musanze, Intara y'Amajyaruguru, ihawe ubuzimagatozi.

**Ingingo ya 2:**

Koperative « **KODUMUIMU** » igamije guteza imbere ubuhinzi bw'ibirayi. Ntiyemerewe gukora indi mirimo inyuranye n'iyi iherewe ubuzimagatozi keretse ibanje kubisaba ikanabihirwa uburenganzira.

**Ingingo ya 3:**

Koperative « **KODUMUIMU** » itegetswe gutangaza iki Cyemezo mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) ikimara kugihabwa.

**Kigali, kuwa 15/02/2016**

(Sé)

**MUGABO Damien**

**Umuyobozi w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative**

**ICYEMEZO N°RCA/0406/2016 CYO KUWA 29/06/2016 GIHA UBUZIMAGATOZI  
«SOJA COOPERATIVE FARMERS RUKIRA» (SOCOFARU)**

**Umuyobozi w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative;**

Ashingiye ku Itegeko n° 50/2007 ryo kuwa 18 Nzeri 2007 rigena ishyirwaho, imiterere n'imikorere y'Amakoperative mu Rwanda, nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 23, igika cya 3;

Ashingiye ku Itegeko n° 48/2013 ryo kuwa 28/06/2013 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza Imbere Amakoperative, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 3, igika cya 2;

Abisabwe na Perezida wa Koperative « **SOCOFARU** » ifite icyicaro i Nyinya, Umurenge wa Rukira, Akarere ka Ngoma, Intara y'Iburasirazuba;

**YEMEJE:**

**Ingingo ya mbere:**

Koperative « **SOCOFARU** » ifite icyicaro i Nyinya, Umurenge wa Rukira, Akarere ka Ngoma, Intara y'Iburasirazuba, ihawe ubuzimagatozi.

**Ingingo ya 2:**

Koperative « **SOCOFARU** » igamije guteza imbere ubuhinzi bwa soya. Ntiyemerewe gukora indi mirimo inyuranye n'iyi iherewe ubuzimagatozi keretse ibanje kubisaba ikanabihirwa uburenganzira.

**Ingingo ya 3:**

Koperative « **SOCOFARU** » itegetswe gutangaza iki Cyemezo mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) ikimara kugihabwa.

**Kigali, kuwa 29/06/2016**

(Sé)

**MUGABO Damien**

**Umuyobozi w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative**

**ICYEMEZO N°RCA/0527/2015 CYO KUWA 03/08/2015 GIHA UBUZIMAGATOZI KOPERATIVE « TWITEZIMBERE BUSHEKERI»**

**Umuyobozi w’Ikigo cy’Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative;**

Ashingiye ku Itegeko n° 50/2007 ryo kuwa 18 Nzeri 2007 rigena ishyirwaho, imiterere n’imikorere y’Amakoperative mu Rwanda, nk’uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 23, igika cya 3;

Ashingiye ku Itegeko n° 48/2013 ryo kuwa 28/06/2013 rishyiraho Ikigo cy’Igihugu gishinzwe guteza Imbere Amakoperative, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 3, igika cya 2;

Abisabwe na Perezida wa Koperative « **TWITEZIMBERE BUSHEKERI** » ifite icyicaro i Buvungira, Umurenge wa Bushekeri, Akarere ka Nyamasheke, Intara y’Iburengerazuba;

**YEMEJE:**

**Ingingo ya mbere:**

Koperative « **TWITEZIMBERE BUSHEKERI** » ifite icyicaro i Buvungira, Umurenge wa Bushekeri, Akarere ka Nyamasheke, Intara y’Iburengerazuba, ihawe ubuzimagatozi.

**Ingingo ya 2:**

Koperative « **TWITEZIMBERE BUSHEKERI** » igamije gutanga serivisi zijyanye no gucunga umutekano. Ntiyemerewe gukora indi mirimo inyuranye n’iyo iherewe ubuzimagatozi keretse ibanje kubisaba ikanabiherwa uburenganzira.

**Ingingo ya 3:**

Koperative « **TWITEZIMBERE BUSHEKERI** » itegetswe gutangaza iki Cyemezo mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) ikimara kugihabwa.

**Kigali, kuwa 03/08/2015**

(Sé)

**MUGABO Damien**

**Umuyobozi w’Ikigo cy’Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative**